

ITEGEKO N°01/2011 RYO KUWA 10/02/2011 LAW N°01/2011 OF 10/02/2011 LOI N°01/2011 DU 10/02/2011 PORTANT
RIGENGA ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE REGULATING CAPITAL MARKET IN REGULATION DU MARCHE DES
MU RWANDA RWANDA CAPITAUX AU RWANDA

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER:
DISPOSITIONS GENERALES**

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Ingingo ya 3 : Ibirebwa n'iri tegeko

Article 3: Scope of this Law

Article 3: Champ d'application de la présente loi

**UMUTWE WA II: IBIGENGA ISOKO
RY'IMARI N'IMIGABANE**

**CHAPTER II: REGULATION OF CAPITAL
MARKET**

**CHAPTER II: REGULATION DU MARCHE
DES CAPITAUX**

Ingingo ya 4: Ibicuruzwa n'ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane

Article 4: Capital market instruments and business

Article 4: Instruments et commerce afférents au marché des capitaux

Ingingo ya 5: Umuntu ukora ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane

Article 5: A person engaged in capital market business

Article 5: Une personne opérant sur le marché des capitaux.

Ingingo ya 6: Ibibujijwe ku isoko ry'imari n'imigabane

Article 6: Restrictions on the capital market

Article 6: Restrictions sur le marché des capitaux

**UMUTWE WA III: ABANTU BAFITE
IBYEMEZO, ABEMEREWE GUKORA
N'ABATEMEREREWE GUKORA**

**CHAPTER III: LICENSED, APPROVED
AND UNAPPROVED PERSONS**

**CHAPITRE III: PERSONNES AGREEES,
AUTORISEES ET NON
AUTORISEES**

<u>Ingingo ya 7:</u> Abantu bafite ibyemezo n'abemerewe gukora	<u>Article 7:</u> Licensed and approved persons	<u>Article 7:</u> Personnes agréées et autorisées
<u>Ingingo ya 8:</u> Imenyekanisha ryo kwangira, guhagarika by'agateganyo no kwambura icyemezo cyangwa kwemererwa	<u>Article 8:</u> Notification of refusal, suspension and withdrawal of a license or approval	<u>Article 8:</u> Notification de refus, de suspension et de retrait d'une licence ou d'une autorisation
<u>Ingingo ya 9:</u> Kwambura no guhagarika by'agateganyo icyemezo cyangwa iyemererwa	<u>Article 9:</u> Withdrawal and suspension of a licence or approval	<u>Article 9:</u> Retrait et suspension d'une licence ou d'une autorisation
<u>Ingingo ya 10:</u> Kwisubiraho ku isaba ry'icyemezo cyangwa iyemererwa	<u>Article 10:</u> Withdrawal of an application for a licence or an approval	<u>Article 10:</u> Retrait de la demande d'une licence ou d'une autorisation
<u>Ingingo ya 11:</u> Gusubiza icyemezo cyangwa iyemererwa ryari ryatanzwe n'Ikigo	<u>Article 11:</u> Return of a license or an approval granted by the Authority	<u>Article 11:</u> Remise d'une licence ou d'une autorisation accordée par l'Autorité
<u>Ingingo ya 12:</u> Abantu basonewe	<u>Article 12:</u> Exempted persons	<u>Article 12:</u> Personnes exemptées
<u>Ingingo ya 13:</u> Isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane n'ibigo by'isuzuma n'iyishyurana	<u>Article 13:</u> Securities exchange and clearing houses	<u>Article 13:</u> Bourse des titres et chambres de compensation
<u>Ingingo 14:</u> Isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane n'ibigo by'isuzuma n'iyishyurana nyamahanga	<u>Article 14:</u> Foreign securities exchange and clearing houses	<u>Article 14:</u> Bourses des titres et chambres de compensation étrangères
<u>Ingingo ya 15:</u> Isosiyete igena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo	<u>Article 15:</u> Credit Rating Agency	<u>Article 15:</u> Agence de Notation de Crédit
<u>Ingingo ya 16:</u> Isosiyete nyamahanga igena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo	<u>Article 16:</u> Foreign Credit Rating Agency	<u>Article 16:</u> Agence de Notation de Crédit étrangère
<u>Ingingo ya 17:</u> Iyemererwa n'imenyekanisha	<u>Article 17:</u> Approval and notification of requirements	<u>Article 17:</u> Autorisation et notification des exigences

ry'ibisabwa

<u>Ingingo ya 18:</u> Ububasha bwo kongera cyangwa kugabanya urutonde rw'abasonerwa	<u>Article 18:</u> Power to extend or restrict the list of exempted persons	<u>Article 18:</u> Pouvoir d'allonger ou de restreindre la liste de personnes exemptées
<u>UMUTWE WA IV:</u> IMIKORERE N'IMYITWARIRE KU ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE	<u>CHAPTER IV:</u> ETHICS AND PRACTICES IN CAPITAL MARKET	<u>CHAPITRE IV:</u> DEONTOLOGIE ET PRATIQUES SUR LE MARCHE DES CAPITAUX
<u>Ingingo ya 19:</u> Amahame ngenderwaho	<u>Article 19:</u> Statement of principles	<u>Article 19:</u> Enoncé des principes
<u>Ingingo ya 20:</u> Guhindura amahame ngenderwaho	<u>Article 20:</u> Modification of a statement of principles	<u>Article 20:</u> Modification de l'énoncé des principes
<u>Article 21:</u> Amategeko n'amabwiriza agenga umwuga	<u>Article 21:</u> Regulations governing the profession	<u>Article 21:</u> Règlements régissant la profession
<u>Article 22:</u> Amabwiriza agenga ubucuruzi	<u>Article 22:</u> Business regulations	<u>Article 22:</u> Règlements régissant le commerce
<u>Ingingo ya 23:</u> Guhindura amabwiriza agenga ubucuruzi	<u>Article 23:</u> Modification of business regulations	<u>Article 23:</u> Modification des règlements régissant le commerce
<u>UMUTWE WA V:</u> INGAMBA ZO MU RWEGO NGENGAMYITWARIRE	<u>CHAPTER V:</u> DISCIPLINARY MEASURES	<u>CHAPITRE V:</u> MESURES DISCIPLINAIRES
<u>Ingingo ya 24:</u> Gukoresha umuntu utabikwiriye	<u>Article 24:</u> Employment of an unqualified person	<u>Article 24:</u> Engagement d'une personne non qualifiée
<u>Ingingo ya 25:</u> Itangazo ryerekeye imyitwarire mibi	<u>Article 25:</u> Public statement of misconduct	<u>Article 25:</u> Déclaration publique de mauvaise conduite
<u>Ingingo ya 26:</u> icyemezo cy'urukiko cyo guhagarika amakosa	<u>Article 26:</u> Court injunction to end violation	<u>Article 26:</u> Injonction judiciaire pour mettre fin à la violation

<u>Ingingo ya 27:</u> icyemezo cy'urukiko cyo gukosora amakosa	<u>Article 27:</u> Court injunction to remedy violation	<u>Article 27 :</u> Injonction judiciaire pour remédier à la violation
<u>UMUTWE WA VI: UBUBASHA BWO KWINJIRA MU BIKORWA</u>	<u>CHAPTER VI: POWERS OF INTERVENTION</u>	<u>CHAPITRE VI: POUVOIRS D'INTERVENTION</u>
<u>Ingingo ya 28:</u> Aho ububasha bw'ikigo bugarukira	<u>Article 28:</u> Scope of powers of the Authority	<u>Article 28:</u> Etendue des pouvoirs de l'Autorité
<u>Ingingo ya 29:</u> Ubucuruzi bubujijwe	<u>Article 29:</u> Prohibited transactions	<u>Article 29:</u> Transactions interdites
<u>Ingingo ya 30:</u> Guhabwa ububasha bwo gucunga imitungo mu izina ry'abandi	<u>Article 30:</u> Vesting of assets in a trustee	<u>Article 30:</u> Dévolution de l'actif à un administrateur
<u>Ingingo ya 31:</u> Ibibujijwe mu ikoreshwa ry'imitungo	<u>Article 31:</u> Restrictions on using assets	<u>Article 31:</u> Restrictions d'usage des avoirs
<u>Ingingo 32:</u> Kugira imitungo	<u>Article 32:</u> Maintainance of assets	<u>Article 32:</u> Possession des avoirs
<u>Ingingo ya 33:</u> Gusubiramo cyangwa gukuraho ibyemezo	<u>Article 33:</u> Review or rescission of decisions	<u>Article 33:</u> Révision ou annulation des décisions
<u>Ingingo ya 34:</u> Inyandiko z'ibyemezo	<u>Article 34:</u> Notices	<u>Article 34:</u> Notifications
<u>Ingingo ya 35 :</u> Icyemezo cy'isesa	<u>Article 35:</u> Winding up order	<u>Article 35:</u> Decision de dissolution
<u>UMUTWE WA VII: GUKUSANYA AMAKURU, IGENZURA NO GUKORA IPEREREZA</u>	<u>CHAPTER VII: INFORMATION COLLECTION , INSPECTION AND INVESTIGATION</u>	<u>CHAPITRE VII: COLLECTE D'INFORMATIONS, INSPECTION ET ENQUETE</u>
<u>Ingingo ya 36:</u> Ububasha bwo guhamagaza umuntu gutanga amakuru	<u>Article 36:</u> Power to request for information	<u>Article 36:</u> Pouvoir de demander une information
<u>Ingingo ya 37:</u> Ububasha bwo gukora igenzura	<u>Article 37:</u> Inspection powers	<u>Article 37:</u> Pouvoirs d'inspection
<u>Ingingo ya 38:</u> Ububasha bwo gukora Iperereza	<u>Article 38:</u> Investigation powers	<u>Article 38:</u> Pouvoirs d'enquête

<u>Ingingo ya 39:</u> Gukoresha ububasha bwo kwinjira mu nyubako	<u>Article 39:</u> Exercise of powers of entry into premises	<u>Article 39:</u> Exercice des pouvoirs d'entrer dans des locaux
UMUTWE WA VIII: GUCURUZA WAMENYE IBANGA NO KWICA AMATEGEKO Y'ISOKO	CHAPTER VIII: INSIDER DEALING AND MARKET ABUSE	CHAPITRE VIII: DELIT D'INITIES ET ABUS DE MARCHE
<u>Ingingo ya 40:</u> Inkuru ikiri ibanga	<u>Article 40:</u> Inside information	<u>Article 40:</u> Information privilégiée
<u>Ingingo ya 41:</u> Abamenye amabanga mbere y'abandi	<u>Article 41:</u> Insiders	<u>Article 41:</u> Initiés
<u>Ingingo ya 42 :</u> Ucuruza yamenye ibanga mbere y'abandi	<u>Article 42:</u> Insider dealing	<u>Article 42:</u> Délit d'initié
<u>Ingingo ya 43 :</u> Kwisobanura	<u>Article 43:</u> Defence	<u>Article 43:</u> Moyens de défense
<u>Ingingo ya 44 :</u> Amakuru yatangarijwe bose	<u>Article 44:</u> Information made public	<u>Article 44:</u> Information rendue publique
<u>Ingingo ya 45 :</u> Ibigatwa nko gucuruza umuntu yamenye ibanga mbere y'abandi	<u>Article 45:</u> Limits on insider dealing	<u>Article 45:</u> Cas d'exclusion du délit d'initié
<u>Ingingo ya 46 :</u> Kwica isoko	<u>Article 46:</u> Market abuse	<u>Article 46:</u> Abus de marché
UMUTWE WA IX : IBIBUJWE MU ITANGWA RY'AMAKURU	CHAPTER IX: RESTRICTIONS ON THE DISCLOSURE OF INFORMATION	CHAPTER IX: RESTRICTIONS EN MATIERE DE DIFFUSION D'INFORMATION
<u>Ingingo ya 47:</u> Igitabo cy'abantu bahawe ibyemezo cyangwa bemerewe	<u>Article 47:</u> Register of licensed or approved persons	<u>Article 47:</u> Registre des personnes agréées ou autorisées
<u>Ingingo ya 48:</u> Kugenzura igitabo	<u>Article 48:</u> Inspection of the register	<u>Article 48:</u> Inspection du registre

<u>Ingingo ya 49:</u> Ikumirwa mu itangwa ry'amakuru	<u>Article 49:</u> Restrictions on the disclosure of information	<u>Article 49:</u> Restrictions en matière de diffusion d'information
<u>Ingingo ya 50:</u> Gukurirwaho ikumirwa mu gutangaza amakuru	<u>Article 50:</u> Exemptions to restriction to disclosure of information	<u>Article 50:</u> Exemptions relatives à la restriction en matière de diffusion d'information
<u>Ingingo ya 51:</u> Ikigo gishobora gufasha ibindi bigo ngenzuramikorere nyamahanga	<u>Article 51:</u> Possible assistance by the Authority to other foreign regulatory authorities	<u>Article 51 :</u> Possibilité d'assistance de l'Autorité à d'autres autorités de régulation étrangères
<u>Ingingo ya 52:</u> Ibigomba kwitabwaho mu gufasha ibigo ngenzuramikorere nyamahanga	<u>Article 52:</u> Conditions prior to provision of assistance to foreign regulatory authorities	<u>Article 52:</u> Conditions préalables à l'assistance aux autorités de régulation étrangères
<u>Ingingo ya 53:</u> Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane cyangwa imigabane nguzanyo	<u>Article 53:</u> Prospectus	<u>Article 53:</u> Prospectus
<u>Ingingo ya 54:</u> Ibibujijwe mu ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete	<u>Article 54:</u> Restrictions on prospectus	<u>Article 54 :</u> Restrictions sur le prospectus
<u>UMUTWE WA X: UBURYO BW' IHWANYABWISHYU</u>	<u>CHAPTER X: COMPENSATION ARRANGEMENTS</u>	<u>CHAPITRE X: MECANISMES DE COMPENSATION</u>
<u>Ingingo ya 55:</u> Ikigega cy'ihwanyabwishyu	<u>Article 55:</u> Compensation scheme	<u>Article 55:</u> Fonds de compensation
<u>Ingingo ya 56:</u> Ibikubiye mu mabwiriza ku ihwanyabwishyu	<u>Article 56:</u> Content of regulations governing compensation	<u>Article 56:</u> Contenu des règlements sur la compensation
<u>UMUTWE WA XI: IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO NGENZURAMIKORERE</u>	<u>CHAPTER XI: RELATIONS WITH OTHER REGULATORY BODIES</u>	<u>CHAPITRE XI: RELATIONS AVEC D'AUTRES ORGANES DE REGULATION</u>
<u>Ingingo ya 57:</u> Amakuru atanzwe cyangwa ibyakozwe n'izindi nzego ngenzuramikorere	<u>Article 57:</u> Information given or actions taken by other regulatory bodies	<u>Article 57:</u> Informations transmises ou mesures prises par d'autres organes de régulation
<u>Ingingo ya 58:</u> Gushyigikira ibyemezo by'inzego ngenzuramikorere zo mu mahanga	<u>Article 58:</u> Enforcement of decisions made by foreign regulatory bodies	<u>Article 58 :</u> Mise en application des décisions prises par les organes de régulation étrangers

UMUTWE WA XII: ABAGENZUZI B'IMARI

CHAPTER XII: AUDITORS

CHAPITRE XII : AUDITEURS

<u>Ingingo ya 59:</u> Ishyirwaho ry'abagenzuzi bi mari	<u>Article 59:</u> Appointment of auditors	<u>Article 59:</u> Nomination des audit
<u>Ingingo ya 60:</u> Ububasha bwo gusaba igenzura rya kabiri	<u>Article 60:</u> Power to require a second audit	<u>Article 60:</u> Pouvoir d'exiger un second audit
<u>Ingingo ya 61:</u> Amakuru atangwa n'umugenzuzi w'imari ku Kigo	<u>Article 61:</u> Communication by an auditor to the Authority	<u>Article 61:</u> Communication d'un auditeur à l'Autorité
<u>Ingingo ya 62:</u> Umugenzuzi w'imari udatanga amakuru ku Kigo	<u>Article 62:</u> Failure by an auditor to communicate with the Authority	<u>Article 62:</u> Défaut de communication à l'Autorité par un auditeur
<u>UMUTWE WA XIII: AKANAMA K'UBUJURIRE KIGENGA KU BYEREKEYE ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE</u>	<u>CHAPTER XIII: CAPITAL MARKET INDEPENDENT REVIEW PANEL</u>	<u>CHAPITRE XIII: COMITE DE RECOURS INDEPENDANT DU MARCHE DES CAPITAUX</u>
<u>Ingingo ya 63:</u> Akanama k'Ubujurire Kigenga	<u>Article 63:</u> Independent Review Panel	<u>Article 63:</u> Comité de Recours Indépendant
<u>UMUTWE WA XIV: IBYAHA N'IBIHANO</u>	<u>CHAPTER XIV: OFFENCES AND PENALTIES</u>	<u>CHAPITRE XIV: INFRACTIONS ET PEINES</u>
<u>Ingingo ya 64:</u> Gukora imirimo y'isoko ry'imari n'imigabane utabifitiye uburenganzira	<u>Article 64:</u> Conducting capital market business without a licence or approval	<u>Article 64:</u> Exercer les activités sur le marché des capitaux sans licence ni autorisation
<u>Ingingo ya 65:</u> Gukoresha umukozi wakuwe ku rutonde rw'abanyamwuga	<u>Article 65:</u> Employing a disqualified person	<u>Article 65:</u> Emploi d'une personne disqualifiée
<u>Ingingo ya 66:</u> Imikorere n'amakuru biyobya	<u>Article 66:</u> Practices and misleading statements	<u>Article 66:</u> Pratiques et déclarations fallacieuses
<u>Ingingo ya 67:</u> Kutubahiriza ibisabwa n'iperereza	<u>Article 67:</u> Failure to comply with investigation requirements	<u>Article 67:</u> Défaut de se conformer aux exigences d'enquête
<u>Ingingo ya 68:</u> Kubangamira igenzura	<u>Article 68:</u> Obstruction of inspection	<u>Article 68:</u> Entrave à l'inspection

<u>Ingingo ya 69</u> : icyaha cyo kugura cyangwa kugurisha wamenye ibanga mbere y'abandi no kwica isoko	<u>Article 69</u> : Offence of insider dealing and market abuse	<u>Article 69</u> : Délit d'initié et abus de marché
<u>Ingingo ya 70</u> : Guha abagenzuzi b'imari amakuru y'ibinyoma cyangwa ayobya	<u>Article 70</u> : Providing auditors with false or misleading information	<u>Article 70</u> : Fournir une information fausse ou fallacieuse aux auditeurs
<u>Ingingo ya 71</u> : Gutanga amakuru y'ibinyoma no gutanga amakuru ayobya kugira ngo uhabwe icyemezo cyangwa wemererwe	<u>Article 71</u> : Providing false and misleading statements for the purpose of being licensed or approved	<u>Article 71</u> : Déclarations fausses et déclarations fallacieuses aux fins d'être agréé ou autorisé
<u>Ingingo ya 72</u> : Gutanga amakuru y'ibanga	<u>Article 72</u> : Disclosure of restricted information	<u>Article 72</u> : Diffusion d'information confidentielle
<u>UMUTWE WA XV: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACUHO N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER XV: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE XV : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 73</u> : Imigereka	<u>Article 73</u> : Annexes	<u>Article 73</u> : Annexes
<u>Ingingo ya 74</u> : Ububasha bwo gushyiraho amabwiriza	<u>Article 74</u> : Powers to make regulations	<u>Article 74</u> : Pouvoirs d'édicter des règlements
<u>Ingingo ya 75</u> : Igihe cy'inziyacyuho	<u>Article 75</u> : Transitional period	<u>Article 75</u> : Période transitoire
<u>Ingingo ya 76</u> : Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	<u>Article 76</u> : Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 76</u> : Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 77</u> : Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 77</u> : Repealing provision	<u>Article 77</u> : Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 78</u> : Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 78</u> : Commencement	<u>Article 78</u> : Entrée en vigueur

ITEGEKO N° 01/2011 RYO KUWA 10/02/2011 LAW N°01/2011 OF 10/02/2011 LOI N°01/2011 DU 10/02/2011 PORTANT RIGENGA ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE REGULATING CAPITAL MARKET IN REGULATION DU MARCHE DES MU RWANDA RWANDA CAPITAUX AU RWANDA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** **LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 18 Ugushyingo 2010;

The Chamber of Deputies, in its session of 18 November 2010;

La Chambre des Députés, en sa séance du 18 novembre 2010;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108, n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108 et 201;

Ishingiye ku Itegeko n°07/2009 ryo kuwa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu;

Pursuant to Law n°07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date;

Vu la Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour;

Ishingiye ku Itegeko n°11/2008 ryo kuwa 06/05/2008 rishyiraho Urugaga Nyarwanda rw'Ababaruramari b'Umwuga rikagena ububasha, imiterere n'imikorere byarwo;

Pursuant to Law n° 11/2008/ of 06/05/2008 establishing the Institute of Certified Public Accountants of Rwanda and determining its powers, organization and functioning;

Vu la Loi n° 11/2008 du 06/05/2008 portant création, compétence, organisation et fonctionnement de l'Ordre Rwandais des Experts Comptables;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTÉ :

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER:
DISPOSITIONS GENERALES**

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda; rigamije kandi gushyiraho uburyo bwo kugenzura no gukurikirana ibikorwa by'iryo soko mu rwego rwo kwimakaza amahame akwiriye y'imyitwarire n'imigenzereze yemewe ku isoko ry'imari n'imigabane.

This Law regulates capital market in Rwanda and establishes mechanisms for controlling and supervising its activities with a view to maintaining proper standards of conduct and acceptable practices in capital markets.

La présente loi porte régulation du marché des capitaux au Rwanda et met en place des mécanismes de contrôle et de supervision de ses activités afin de maintenir les normes de conduite appropriées et des pratiques acceptables sur les marchés des capitaux.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Muri iri tegeko, aya magambo asobanura ibikurikira :

In this Law, the following terms shall have the following meanings:

Au sens de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

- 1° **“umukozi”**: umuntu wemerewe gukora mu izina ry'undi muntu cyangwa akorera ku mabwiriza y'undi muntu mu gihe akorana n'abandi ;
- 2° **“uwemewe”**: umuntu wemerewe gukorera ku isoko ry'imari n'imigabane atari ngombwa kubisabira icyemezo;

- 1° **“agent”** : a person approved to act for or under the direction of another person when dealing with third parties;
- 2° **“approved person”**: a person authorised to conduct capital market activities whether or not he/she has a licence;

- 1° **“agent”** : une personne autorisée à agir pour le compte ou sous la direction d'une autre personne lorsqu'elle négocie avec des tiers;
- 2° **“personne autorisée”** : une personne autorisée à faire le commerce sur le marché des capitaux sans exigence d'une licence;

- 3° **“ikigo”** : ikigo cya Leta gashinzwe ibijyanye n’isoko ry’imari n’imigabane mu Rwanda;
- 4° **“Ikigo gashinzwe isuzuma n’iyishyurana”**: urwego rukorerwamo ibijyanye no gusuzuma no kwishyurana ibyacurujwe ku isoko ry’imari n’imigabane;
- 5° **“amasezerano yerekeye isoko ry’imari n’imigabane”** : amasezerano yose ajyanye n’ibikorwa bivugwa ku mugereka wa II w’iri tegeko ;
- 6° **“Isosiyeti igena ibipimo by’ubushobozi bw’amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo”**: Isosiyeti ikora cyangwa yiyemeje gukora umurimo w’isesengura, wo gukora amaraporo, no kugenzura ubushobozi bw’andi masosiyeti mu kwishyura imyenda yayo, no kumenya agaciro k’ibyemezo by’imitungo bicuruzwa ku isoko ry’imari n’imigabane.
- 7° **“umubitsi w’umutungo”** : isosiyete ishinzwe gucunga neza imitungo y’undi muntu;
- 8° **“ umuntu usonewe”** : umuntu wemerewe hakurikijwe iri tegeko gukora ibikorwa bijyanye n’isoko ry’imari n’imigabane atagombye gusaba icyemezo;
- 9° **“Akanama k’Ubujurire Kigenga”** : akanama kigenga gashinzwe kwakira ubujurire ku byemezo byafashwe n’Ikigo no ku myanzuro ijyanye n’isoko ry’imari n’imigabane;
- 10° **“ ufite icyemezo”**: umuntu ufite icyemezo cyo gukora ubucuruzi ku isoko ry’imari n’imigabane mu Rwanda hakurikijwe iri tegeko;
- 3° **“Authority”**: the public institution responsible for regulating the capital market in Rwanda;
- 4° **“Clearing House”**: an institution which clears and settles capital market transactions;
- 5° **“capital market agreement”**: any agreement relating to activities referred to in Annex II of this Law;
- 6° **“Credit Rating Agency”**: a company which is engaged in or plans to be engaged in the business of analysing, reporting and monitoring the credit risk of a company or securities offered on the capital market.
- 7° **“custodian”** : a company entrusted with safekeeping another person’s property;
- 8° **“exempted person”** : a person approved under this Law to conduct capital market activities whether or not he/she has a licence;
- 9° **“Independent Review Panel”**: the Appeal Panel on decisions taken by the Authority and on any other matters related to capital market;
- 10° **“licenced person”** : a person who has a licence to conduct capital market business in Rwanda in accordance with this Law;
- 3° **“Autorité”**: institution publique chargée de la régulation du marché des capitaux au Rwanda ;
- 4° **“Chambre de compensation”** : une institution qui vérifie les transactions du marché des capitaux et organise leur paiement;
- 5° **“accord de marché des capitaux”** : tout accord relatif aux activités mentionnées à l’annexe II de la présente loi;
- 6° **“Agence de Notation de Crédit”**: une société qui est engagée ou se propose de s’engager dans les activités d’analyse, de production de rapports et de suivi du risque de crédit d’une société ou des titres offerts sur le marché des capitaux.
- 7° **“gardien”** : une société chargée de la garde du patrimoine d’une autre personne;
- 8° **“personne exemptée”** : une personne habilitée, en vertu de la présente loi, à opérer sur le marché des capitaux sans requérir une licence;
- 9° **“Comité de Recours Indépendant”** : le Comité indépendant de recours contre les décisions prises par l’Autorité et contre toute autre recommandation relative au marché des capitaux ;
- 10° **“personne agréée”**: une personne détentrice d’une licence de commerce sur le marché des capitaux au Rwanda conformément à la présente loi ;

- | | | |
|--|---|--|
| 11° “isoko: isoko ry’imari n’imigabane | 11° “market” : the capital market; | 11° “marché” : le marché des capitaux ; |
| 12° “Minisitiri” : Minisitiri ufite ibyerekeye isoko ry’imari n’imigabane mu nshingano ze ; | 12° “Minister” : the Minister in charge of capital market; | 12° “Ministre” : le Ministre ayant le marché des capitaux dans ses attributions; |
| 13° “umuntu” : umuntu ku giti cye n’undi wese ufite ubuzima gatozi; | 13° “person” : an individual or legal entity; | 13° “personne” : une personne physique ou morale; |
| 14° “uburyo bw’ibika n’icunga ry’ibicuruzwa ku isoko ry’imari n’imigabane” : uburyo bukoreshwa bwo kubika no kwandika ibicuruzwa ku isoko ry’imari n’imigabane hakoreshejwe uburyo bw’ikoranabuhanga bitabaye ngombwa gukoresha ibyemezo biri mu mpapuro; | 14° “securities depository” : an electronic system that permits or facilitates the immobilization and dematerialization of capital market transactions or dealings without the necessity of physical certificates; | 14° “dépositaire de titres” : un système électronique qui permet et facilite l’immobilisation et la dématérialisation des transactions et des opérations relatives au marché des capitaux sans la nécessité des certificats physiques ; |
| 15° “isoko ry’ibicuruzwa ku isoko ry’imari n’imigabane” : ahakorerwa igura n’igurisha ry’ibicuruzwa by’imari n’imigabane; | 15° “securities exchange” : a market for the purchase and sale of capital market instruments; | 15° “bourse des titres” : un marché où s’opèrent l’achat et la vente des instruments afférents au marché des capitaux; |

Ingingo ya 3 : Ibirebwa n’iri tegeko

Iri tegeko rigenga ibikorwa by’ubucuruzi ku isoko ry’imari n’imigabane mu Rwanda bikorwa n’abantu bakurikira :

- 1° abahuza mu by’ubucuruzi ku isoko ry’imari n’imigabane ;
- 2° abagura n’abagurisha ku giti cyabo ibicuruzwa ku isoko ry’imari n’imigabane bemewe ;
- 3° abunganira amasosiyete mu kubafasha kuzura ibyangombwa bituma bashobora kubona amafaranga ku isoko ry’imari n’imigabane ;
- 4° abajyanama mu byerekeye ishoramari ;
- 5° amabanki y’ishoramari ;
- 6° abanyamwuga mu ishoramari ;
- 7° ababitsi b’umutungo ;

Article 3: Scope of this Law

This Law regulates capital market business activities in Rwanda as conducted by the following persons:

- 1° brokers;
- 2° dealers;
- 3° sponsors;
- 4° investment advisers;
- 5° investment banks;
- 6° investment managers;
- 7° custodians;

Article 3: Champ d’application de la présente loi

La présente loi régit les activités de commerce sur le marché des capitaux au Rwanda menées par les personnes suivantes :

- 1° courtiers ;
- 2° concessionnaires ;
- 3° sponsors ;
- 4° conseillers en placements;
- 5° banques d’investissement;
- 6° gestionnaires de placements;
- 7° gardiens;

8° isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane;	8° securities exchange;	8° bourse des titres;
9° ikigo gishinzwe isuzuma n'iyishyurana ;	9° clearing house;	9° chambre de compensation;
10° isosiyete igena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo.	10° credit rating agency.	10° agence de notation de crédit.

Iteka rya Minisitiri rishyiraho ibikorwa by'ubucuruzi by'inyongera bidateganyijwe muri iri tegeko. Rishobora kandi kongera ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bivugwa mu mugereka wa I w'iri tegeko.

An Order of the Minister shall provide for additional business activities that are not included in this Law. The Order may also expand the list of capital market instruments referred to in Annex I of this Law.

Un arrêté du Ministre prévoit des activités commerciales supplémentaires qui ne sont pas prévues par la présente loi. Cet arrêté peut également allonger la liste des instruments afférents au marché des capitaux repris à l'annexe I de la présente loi.

UMUTWE WA II: IBIGENGA ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE

CHAPTER II: REGULATION OF CAPITAL MARKET

CHAPTER II: REGULATION DU MARCHÉ DES CAPITAUX

Ingingo ya 4: Ibicuruzwa n'ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane

Article 4: Capital market instruments and business

Article 4: Instruments et commerce afférents au marché des capitaux

Muri iri tegeko, ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane ni imitungo iyo ari yo yose n'inyungu bikomoka mu bivugwa mu mugereka wa I w'iri tegeko.

In this Law, capital market instruments are any assets and interest generated by instruments referred to in Annex I of this Law.

Aux fins de la présente loi, les instruments afférents au marché des capitaux désignent tout avoir et intérêt provenant des instruments repris à l'annexe I de la présente loi.

Muri iri tegeko kandi, ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane ni ibikorwa byose bigaragara ku mugereka wa II w'iri tegeko.

In this Law, capital market business refers also to all business activities specified in Annex II of this Law.

Aux fins de la présente loi, le commerce sur le marché des capitaux désigne toutes les activités reprises à l'annexe II de la présente loi.

Ingingo ya 5: Umuntu ukora ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane

Article 5: A person engaged in capital market business

Article 5: Une personne opérant sur le marché des capitaux.

Muri iri tegeko, umuntu aba akora ubucuruzi ku

In this Law, a person is engaged in capital market

Au sens de la présente loi, une personne opère sur

isoko ry'imari n'imigabane iyo:

business if he/she:

le marché des capitaux si elle :

1° akora ubwo bucuruzi mu buryo buhoraho kandi akorera ahantu habugenewe mu Rwanda;

1° carries out that business on a permanent basis and from an appropriate place in Rwanda;

1° exerce ce commerce de manière permanente et dans un lieu approprié au Rwanda;

2° akorera mu Rwanda kimwe cyangwa byinshi mu bikorwa bigaragara ku mugereka wa II w'iri tegeko kandi kitanyuraniye n'amabwiriza ashwirwaho n'Ikigo.

2° engages in Rwanda in one or more of the activities referred to in Annex II of this Law and in compliance with the regulations established by the Authority.

2° s'engage au Rwanda dans une ou plusieurs activités reprises à l'annexe II de la présente loi et qui ne sont pas contraires aux règlements édictés par l'Autorité.

Ingingo ya 6: Ibibujijwe ku isoko ry'imari n'imigabane

Article 6: Restrictions on capital market

Article 6: Restrictions sur le marché des capitaux

Nta muntu wemerewe gukora cyangwa kwiyitirira gukora ku isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda atabifitiye icyemezo, atabyemerewe cyangwa atari umuntu usonewe hakurikijwe iri tegeko.

No person shall carry out or purport to carry out capital market business in Rwanda unless he/she is licenced, approved or exempted under this Law.

Nul ne peut exercer ou prétendre exercer des activités sur le marché des capitaux au Rwanda s'il n'est pas agréé, autorisé ou exempté en vertu de la présente loi.

Umuntu w'umunyamahanga yemererwa gukora ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda mu gihe Ikigo gisanze agengwa kandi afite icyemezo yahawe n'urwego rwo hanze y'u Rwanda rufite ububasha bungana n'ubw'Ikigo.

A foreign person shall be authorized to carry out capital market business in Rwanda if the Authority is satisfied that the person is regulated and licenced by a foreign agency with equivalent powers.

Une personne étrangère est autorisée à exercer des activités sur le marché des capitaux au Rwanda si l'Autorité est convaincue qu'elle est régulée et agréée par une agence étrangère investie des pouvoirs similaires à ceux de l'Autorité.

Ikigo gishyiraho amabwiriza akurikizwa n'umunyamahanga kugira ngo yemererwe gukora.

The Authority shall make regulations to be followed by a foreign person before he/she is approved to operate.

L'Autorité édicte des règlements à suivre par une personne étrangère pour être autorisée à exercer ses activités.

Haseguriwe ibivugwa mu gika kibanziriza iki, Ikigo gishobora gukoresha ububasha gihabwa n'iri tegeko kigategeka uwo muntu gukurikiza amabwiriza yashyizweho n'Ikigo.

Subject to the provisions of the preceding Paragraph, the Authority may exercise its powers under this Law against that person to ensure compliance with its regulations.

Sous réserve des dispositions de l'alinéa précédent, l'Autorité peut, en vertu de la présente loi, exercer ses pouvoirs contre une telle personne afin d'assurer le respect de ses règlements.

UMUTWE WA III: ABANTU BAFITE IBYEMEZO, ABEMEREREWE GUKORA N'ABATEMEREREWE GUKORA **CHAPTER III: LICENCED, APPROVED AND UNAPPROVED PERSONS** **CHAPITRE III: PERSONNES AGREES, AUTORISEES ET NON AUTORISEES**

Ingingo ya 7: Abantu bafite ibyemezo n'abemerewe gukora

Umuntu wahawe icyemezo n'Ikigo yitwa umuntu ufite icyemezo kandi yemerewe gukora ubucuruzi bwo ku isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda.

Umuntu wemerewe n'Ikigo yitwa umuntu wemewe kandi yemerewe gukora ubucuruzi bwo ku isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda.

Gusaba icyemezo cyangwa gusaba kwemererwa bikorwa hakurikijwe amabwiriza agenga itangwa ry'ibyemezo.

Ingingo ya 8: Imenyekanisha ryo kwangira, guhagarika by'agateganyo no kwambura icyemezo cyangwa kwemererwa

Mu gihe Ikigo gisanze ari ngombwa, kimenyeshya uwo bireba mu nyandiko impamvu z'amategeko zashingiweho mu kumwima icyemezo cyangwa kwemererwa, kugihagarika by'agateganyo no kukimwambura.

Imenyekanisha rivugwa muri iyi ngingo rigomba kugaragaza uburenganzira uwafatiwe icyemezo afite

Article 7: Licenced and approved persons

A person holding a licence granted by the Authority shall be licenced person and is approved to carry out capital market business in Rwanda.

A person approved by the Authority shall be deemed an approved person and allowed to carry out capital market business in Rwanda.

An application for a licence or an authorization shall be made in accordance with the licensing regulations.

Article 8: Notification of refusal, suspension and withdrawal of a licence or approval

Where deemed necessary, the Authority shall notify the concerned person in writing of the refusal, suspension and withdrawal of his/her license or approval, indicating legal grounds on which the decision was made.

A notification under this Article shall indicate to the concerned person the right of appeal before the

Article 7: Personnes agréées et autorisées

Une personne titulaire d'une licence accordée par l'Autorité est une personne agréée et est autorisée à faire le commerce sur le marché des capitaux au Rwanda.

Une personne autorisée par l'Autorité est reconnue comme personne autorisée et a droit d'exercer le commerce sur le marché des capitaux au Rwanda.

Une demande de licence ou d'autorisation est faite conformément à la réglementation d'octroi des licences.

Article 8: Notification de refus, de suspension et de retrait d'une licence ou d'une autorisation

Lorsque l'Autorité le juge nécessaire, il notifie par écrit à la personne concernée le refus, la suspension et le retrait de sa licence ou de son autorisation en indiquant les motifs juridiques de cette décision.

La notification visée au présent article indique à la personne concernée son droit de recours devant le

Official Gazette n° 13bis Of 28/03/2011

bwo kujuririra Akanama k'Ubujurire Kigenga.	Independent Review Panel against the decision taken.	Comité de Recours Indépendant contre la décision prise.
Iyo umwanzuro utajuririwe ku Kanama k'Ubujurire, Ikigo gikora ibi bikurikira:	Where there is no appeal against the decision before the Independent Review Panel, the Authority shall do the following :	Lorsque la décision n'a pas fait l'objet de recours devant le Comité de Recours Indépendant, l'Autorité fait ce qui suit :
1° kumenyesha mu nyandiko uwo muntu umwanzuro yafatiwe wo kumwima icyemezo cyangwa kwemererwa, kukimwambura cyangwa kugiharika by'agateganyo;	1° notify the person in writing of the decision of refusal, withdrawal or suspension of a licence or approval made against him/her;	1° notifie par écrit à cette personne la décision prise de lui refuser, de lui retirer ou de suspendre sa licence ou son autorisation;
2° gishobora gutangariza rubanda ibyemezo byafashwe.	2° may inform the public of decisions taken.	2° peut informer le public des décisions prises.
<u>Ingingo ya 9: Kwambura no guhagarika by'agateganyo icyemezo cyangwa iyemererwa</u>	<u>Article 9: Withdrawal and suspension of a licence or approval</u>	<u>Article 9: Retrait et suspension d'une licence ou d'une autorisation</u>
Ikigo gishobora igihe cyose kwambura no guhagarika by'agateganyo icyemezo cyangwa iyemererwa cyatanze iyo gisanze:	The Authority may at any time withdraw or suspend any license or approval granted if it establishes that:	L'Autorité peut à tout moment retirer ou suspendre une licence ou une autorisation qui a été accordée si elle constate que:
1° uwahawe icyemezo cyangwa uwemerewe atari umuntu ubikwiriye kugira ngo ashobore gukora imirimo ijyanye n'ibikorwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane yakoraga cyangwa asaba gukora;	1° the licenced or approved person is not a fit and proper person to carry out the capital market business which he/she is engaged in or applying for;	1° la personne agréée ou autorisée n'est pas reconnue apte et convenable pour mener des activités sur le marché des capitaux qu'elle exerçait ou demande d'exercer;
2° haseguriwe ibivugwa mu gace ka 1° k'iyi ngingo, uwahawe icyemezo cyangwa uwemerewe wanyuranyije n'imwe mu ngingo z'iri tegeko cyangwa n'amabwiriza ajyanye na ryo, yatanze amakuru y'ibinyoma, atari yo cyangwa ayobya.	2° subject to the provisions of point 1° of this Article, the licensed or approved person has violated any provision of this Law or any regulations made under it or has furnished the Authority with false, inaccurate or misleading information.	2° sous réserve des dispositions du point 1° du présent article, la personne agréée ou autorisée a violé une disposition de la présente loi ou des règlements y relatifs ou a fourni à l'Autorité des informations fausses, inexactes ou trompeuses.

Ihagarikwa ry'agateganyo ry'icyemezo cyangwa kwemererwa rigomba kuba iry'igihe cyagenwe cyangwa rikarangirana n'igihe ibyatumye ribaho bikosorewe. The suspension of a license or authorization shall be for a specified period or shall end with a remedy to its cause. La suspension d'une licence ou d'une autorisation doit avoir une période déterminée ou arriver à terme avec la remédiation de l'événement qui lui a donné lieu.

Mu gihe cy'ihagarikwa ry'icyemezo cyangwa iyemerera, uwo bireba ntaba akiri umuntu ufite icyemezo cyangwa wemewe. A person shall not be considered as a licensed or approved person during the period of suspension of his/her license or authorization. Durant la période de suspension d'une licence ou d'une autorisation, la personne concernée n'est plus considérée comme étant agréée ou autorisée.

Bisabwe n'uwafatiwe umwanzuro, ibivugwa muri iyi ngingo, bishobora kuvanwaho n'Ikigo gisanze bifite ishingiro. On request by the concerned person and where the Authority considers it is justifiable, the Authority may withdraw any decision made under this Article. Sur demande de la personne concernée, l'Autorité peut, s'il le trouve justifié, retirer toute décision prise en vertu du présent article.

Ingingo ya 10: Kwisubiraho ku isaba ry'icyemezo cyangwa iyemererwa

Article 10: Withdrawal of an application for a license or an approval

Article 10: Retrait de la demande d'une licence ou d'une autorisation

Uwasabye guhabwa icyemezo cyangwa iyemererwa ashobora kwisubiraho igihe cyose hatarafatwa umwanzuro umwemerera cyangwa umuhakanira. An application for a license or approval may be withdrawn at any time before a positive or negative response is provided thereon. Une demande de licence ou d'autorisation peut être retirée à tout moment avant qu'elle n'ait reçu une suite favorable ou défavorable.

Ikigo gishobora kutemera uko kwisubiraho iyo kibona ari ngombwa ko habanza gukorwa iperereza kuri uwo muntu ushaka kwisubiraho kugira ngo kirengere inyungu rusange. The Authority may refuse to withdraw any such application if it considers that a prior investigation should be conducted on the applicant for public interest. L'Autorité peut refuser le retrait de cette demande s'il estime qu'une enquête préalable sur le requérant est nécessaire dans l'intérêt général.

Ingingo ya 11: Gusubiza icyemezo cyangwa iyemererwa ryari ryatanzwe n'Ikigo

Article 11: Return of a licence or an approval granted by the Authority

Article 11: Remise d'une licence ou d'une autorisation accordée par l'Autorité

Ikigo gishobora gusubirana icyemezo cyangwa guhagarika iyemererwa kibisabwe na nyir'ubwite. The Authority may return a licence returned or suspend an approval upon request by the licensed L'Autorité peut reprendre une licence ou suspendre une autorisation sur demande de la personne agréée

or approved person.

ou

autorisée.

Ikigo gishobora kutemera gusubirana icyemezo cyangwa guhagarika iyemererwa iyo kibona ko ari ngombwa ko habanza gukorwa iperereza k'ubisaba kugira ngo harengerwe inyungu rusange.

The Authority may refuse to return a licence or to suspend an approval if it considers that a prior investigation should be conducted on the applicant for public interest.

L'Autorité peut refuser de reprendre une licence ou de suspendre une autorisation s'il estime qu'une enquête préalable sur le requérant est nécessaire dans l'intérêt général.

Ikigo gishobora gutangariza rubanda imyanzuro cyafashe ku bijyanye n'ihagarikwa ry'agateganyo cyangwa iyamburwa ry'icyemezo cyangwa iyemererwa.

The Authority may issue a public notice of any suspension or withdrawal of a licence or an approval.

L'Autorité peut lancer un avis public relatif à une suspension ou un retrait d'une licence ou d'une autorisation.

Ingingo ya 12: Abantu basonewe

Article 12: Exempted persons

Article 12: Personnes exemptées

Umuntu wese usonewe yemerewe gukora ubucuruzi bwo ku isoko ry'imari n'imigabane atabisabiye icyemezo. Ikigo gishobora kwemeza ko umuntu usonewe afite uburenganzira mbere y'uko atangira imirimo ye.

Any exempted person is approved to carry out capital market business without the need for a license. The Authority may accept that an exempted person enjoys such a right before starting his/her activities.

Toute personne exemptée est habilitée à exercer le commerce sur le marché des capitaux sans devoir requérir une licence. L'Autorité peut accepter que la personne exemptée jouit de ce droit avant qu'elle ne commence ses activités.

Banki Nkuru y'Igihugu irasonewe ku bikorwa byose yakora bijyanye n'isoko ry'imari n'imigabane bivugwa muri iri tegeko.

The Central Bank of Rwanda is exempted for any activity it may conduct with regard to the capital market referred to under this Law.

La Banque Nationale du Rwanda est exemptée pour toute activité qu'elle peut exercer en rapport avec le marché des capitaux prévue par la présente loi.

Ingingo ya 13: Isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane n'ibigo by'isuzuma n'iyishyurana

Article 13: Securities exchange and clearing houses

Article 13: Bourse des titres et chambres de compensation

Hakurikijwe amabwiriza agenga kwiyaandikisha ku isoko ry'imari n'imigabane, isosiyete y'ubucuruzi

Any company may, in accordance with the capital market registration regulations, apply to the Authority for approval to be a securities exchange

Une société commerciale peut, en conformité avec les règlements relatifs à l'enregistrement sur le marché des capitaux, demander à l'Autorité d'être

ishobora gusaba Ikigo kuyemerera gukora imirimo yo kuba isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa kuba ikigo cy'isuzuma n'iyishyurana.

Isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa ikigo gishinzwe isuzuma n'iyishyurana byahawe uburenganzira n'Ikigo, bisonerwa hakurikijwe iri tegeko.

Icyakora, isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane n'ikigo gishinzwe isuzuma n'iyishyurana bigomba kugengwa n'amabwiriza y'Ikigo arebana n'igenzura, iperereza, imyitwarire n'imikorere nk'uko biteganywa mu mutwe wa V, uwa VI n'uwa VII y'iri tegeko.

Ikigo gifite uburenganzira bwo kutemerera ishingwa ry'isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa iry'ikigo cy'isuzuma n'iyishyurana mu gihe kibona ubisaba atujuje ibisabwa n'amabwiriza, amahame n'ibindi biteganyijwe muri iri tegeko kugira ngo umuntu ahabwe icyemezo.

Ingingo 14: Isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane n'ibigo by'isuzuma n'iyishyurana nyamahanga

Isosiyete y'ubucuruzi ifite icyicaro hanze y'u Rwanda ishobora, hakurikijwe amabwiriza agenga

or a clearing house.

A securities exchange or a clearing house which has been approved by the competent Authority shall be exempted in accordance with this Law.

However, a securities exchange and a clearing house shall be subject to the Authority's regulations relating to the inspection, investigation, conduct and functioning as provided in Chapters V, VI and VII of this Law.

The Authority shall not approve a securities exchange or a clearing house unless it is satisfied that applicant meets the regulations, principles, and any other licencing requirements made under this Law.

Article 14: Foreign securities exchange and clearing houses

Any company whose head office is located outside Rwanda may, in accordance with the registration regulations, apply to the Authority for approval to

autorisée à être une bourse des titres ou une chambre de compensation.

Une bourse des titres ou une chambre de compensation qui a été autorisée par l'Autorité compétente est exemptée conformément à la présente loi.

Toutefois, une bourse des titres et une chambre de compensation sont soumises aux règlements de l'Autorité relatifs à l'inspection, à l'enquête, à la conduite et au fonctionnement tel que prévu aux chapitres V, VI et VII de la présente loi.

L'Autorité a le droit de ne pas autoriser la création d'une bourse des titres ou d'une chambre de compensation lorsqu'il constate que le demandeur ne remplit pas les conditions exigées par les règlements, les principes et autres exigences prévues par la présente loi pour l'octroi d'une licence.

Article 14: Bourses des titres et chambres de compensation étrangères

Toute société commerciale dont le siège social est établi en dehors du Rwanda peut, conformément à la réglementation sur l'enregistrement, demander à

kwiandikisha, gusaba Ikigo ku yemerera kuba isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane nyamahanga cyangwa kuba ikigo cy'isuzuma n'iyishyurana nyamahanga hakurikijwe iri tegeko.

Isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane n'ikigo cy'isuzuma n'iyishyurana nyamahanga, biba bisonewe iyo byahawe uburenganzira n'Ikigo gukora ibikorwa bijyanye n'isoko ry'imari n'imigabane hakurikijwe iri tegeko.

Icyakora, Isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane, ikigo gishinzwe isuzuma n'iyishyurana nyamahanga bigomba kugengwa n'amabwiriza y'Ikigo arebana n'igenzura, iperereza, imyitwarire n'imikorere nk'uko biteganywa mu mutwe wa V, VI n'uwa VII y'iri tegeko.

Ingingo ya 15: Isosiyete igena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo

Isosiyete iyo ariyo yose y'ubucuruzi, ishobora, hakurikijwe amabwiriza agenga iyandikisha ku isoko ry'imari n'imigabane, gusaba kwemererwa gukora umwuga wo kugena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda.

Isosiyete igena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yahawe uburenganzira n'Ikigo ifatwa nk'isonewe mu mirimo yayo ijyanye n'isoko ry'imari n'imigabane.

